



Inyandiko nyobozi yerekana uburyo bwo gukemura ikibazo mu burezi bwihariye ku babyeyi b'abana ndetse n'urubyiruko (imyaka 3-21)

Iyi nyandiko nyobozi ntago ariyo gusobanurwa, guhindurwa cyangwa gusimbuzwa itegeko rirenger a buri muntu ufite ubumuga mu myigire (IDEA) igice cya B kigena imikorere cyangwa ibisabwa n'amageko ya leta. Ababyeyi barashishikarizwa guhamagara Ishami rishinzwe uburezi muri Kentucky, Ibiro by'ushinzwe uburezi bwihariye ndetse n'uburezi bw'incuke.

Niba habayeho kutumvikana, KDE itanga igitekerezo cyo guhamagara umuyobozi w'uburezi bwihariye mu gace urimo (DoSE) mbere y'uko uhitamo uburyo bwo gukemura ikibazo. Intego nuko ababyeyi ndetse n'abakozi b'ishuri bakorera hamwe kugirango bafate umwanzuro urebana n'uburezi bw'umwana. Akenshi, igisubizo gishobora kubonerwa mu nama zisanzwe, aho ikibazo gishoborwa kubonerwa umuti byihuse kuruta kuja mu ama ziteguwe cyangwa gutanga ikirego cyanditse kandi bifasha kugirana umubano mwiza. Amakuru yose y'ibigo byaho utuye aboneka ku [urubuqa rwa interineti rwa KDE Open House](#) harimo n'amakuru yo kuvugana n'ikigo cya DoSE.

Uburyo	Kunga	Ikirego cyanditse	Iburanisha mu buryo Buboneye
Igereranya ry'ibyavuzwe haruguru	Kunga ni inzira yo gukemura ikibazo ikorwa kubushake kandi itarimo guhangana. Inama iyoborwa n'umwunzi udafite uruhande abogamiyeho kandi agendera cyane kubyo umunyeshuri yifuza. Ababyeyi ndetse n'akarere barahura kandi bagakorera hamwe kugirango bakemure ikibazo ndetse bagere k'umwanzuro wanyuma. Aboneka buri gihe cyose hari amakimbirane runaka kuri IDEA hagati y'ababyeyi ndetse n'abarezi k'uburezi bwihariye ndetse/cyangwa kuri serivisi zijyanye nabwo.	Ikirego cyanditse ni inyandiko yanditse ivuga ko ikigo cyishe kimwe mubisabwa n'amategeko ya leta agenga uburezi bw'ihariye. Ikirego cyanditse: - Kigomba gutangwa kubiro bya OSEEL mu igihe cy'umwaka umwe igihe itegeko ryishwe; ndetse - Gishobora gutangwa n'umubyeyi w'umwana ufite ubumuga cyangwa ikigo cyangwa umuntu wizerako IDEA yatandukiriwe. Ikirego cyanditse ntikigomba kuvuga ibibazo bikurikira: - Kwica amategeko mbonezamubano ajyanye n'ababana n'ubumuga (igice cya 504 cyangwa Abanyamerika babana n'ibibazo by'ubumuga); - Ibirego byo kubangamira abana ndete no kubirengagiza; cyangwa - Ibintu biri muni y'inshingano z'ikigo cy'ishuri cy'ifasi, nk'akazi k'umwarimu, umukoro w'abarimu, cyangwa imikoro y'abana). Nubwo ibibazo byavuzwe hejuru bishobora kuzamo kwica itegeko, ikirego cyanditse cyerekana kwica amategeko ya IDEA. Biboneka buri gihe hari ikibazo cyihariye kuri IDEA kubijyanye n'umwana runaka cyangwa ikibazo kigira uruhare kuri sisitemu rusange y'abana.	Uburyo bwo guhangana aho umucamanza akemura amakimbirane kuri IDEA hagati y'umubyeyi cyangwa ikigo (urugero,. ikigo cy'ishuri cy'ifasi) bari hamwe bifatwa nkaho ari "impande zihanganye." Iburanisha rishobora gusabwa kuri buri kibazo kizamo: - Amakuru aranga umuntu; - Isuzuma; - Aho gushyirwa wiga ndetse na serivisi zabyo; ndetse - Ugutangwa k'Uburezi Rusange Bukwiriye K'ubuntu (Free Appropriate Public Education (FAPE). Iburanisha rigomba gusabwa mu inyandiko kandi rigomba gutangwa mu gihe cy'imyaka itatu (3) uhereye ku itariki umubyeyi cyangwa Akarere kamenyeye cyangwa kagombaga kuba karamenyeho ikibazo. Mbere y'uko iburanisha rishobora kuba, impande zombi zigomba gukora inama ikemura ikibazo, ku bw'ibyo akarere kagira amahirwe yo gukemura ikibazo cyatuma habamo ubusabe bwo kumva urubanza. Inama ntiba mu gihe impande zombi zemeye kwiyunga cyangwa niba impande zombi zemeye gukuraho ikirego.
Ni inde ubitangiza	Umubyeyi cyangwa ikigo cy'ishuri cy'ifasi gishobora gusaba umwunzi igihe icyo ari cyo cyose. Ikigo cya leta gishobora gusaba nanone ibi kandi nk'indi nzira yo gukemura ikibazo aho gukurikiza inzira y'amategeko. Impande zombi zigomba kwemeranya kuja mubunzi.	Umuntu uwo ari we wese cyangwa ikigo gishobora gutanga ikirego cyanditse.	Umubyeyi cyangwa ikigo cy'ishuri cy'ifasi gishobora gusaba iburanisha. Iburanisha rigomba gusabwa mu nyandiko kandi rigomba gutangwa mu gihe cy'imyaka itatu (3) uhereye ku itariki umubyeyi cyangwa Akarere kamenyeye cyangwa kagombaga kuba karamenyeho ikibazo.
Umwanzuro cyangwa Intego yifuzwaga	Inyandiko isinye, yemewe n'amategeko yemeranyijweho n'impande zombi.	Umwanzuro wanditse ukubiyemo ibyabonywe ndetse n'imyanzuro, ndetse yerekana impamvu y'umwanzuro wa nyuma. Igomba kuba kandi ikubiyemo ibikorwa byo gukemura ibyo umwana cyangwa abana bifuza bijyanye n'ikirego.	Umwanzuro wanditse uri kumwe n'ibyabonywe mu ibimenyetso ndetse n'imyanzuro y'itegeko, bishobora gutegeka ibikorwa runaka bigomba gukorwa.
Ibitandukanya ubu buryo	Ibiganiro byo kungwa bigirwa ibanga. Impande zombi zifatira imyanzuro hamwe kandi bahitamo umwanzuro. Kunga ntigufata umwanzuro ku ikoreshwa ry'urubanza rwanditse cyangwa kuja mu iburanisha.	Ubu nibwo buryo bwonyine bwo gukemura ikibazo buba bufunguye kuri buri muntu cyangwa ikigo, harimo n'ibidafite aho bihuriye n'umwana. Umwanzuro wa nyuma uba urimo ibyakorwa bisobanutse bijyanye n'umwana cyangwa bijyanye na sisitemu rusange y'abana.	Inyandiko y'iburanisha (inyandiko yanditse cyangwa yanditse muburyo bw'ikoranabuhanga) igomba gukorwa kandi igahabwa umubyeyi. Umwanzuro urajuririrwa muri leta cyangwa mu rukiko rwa leta. Urwego rwatsinzwe rushobora kwishyura ikiguzi cy'abunganizi mu kindi gikorwa cy'urukiko.
Inyungu	Ibiganiro bigirwa ibanga-icyavuzwe mu ukwiyunga ntibishobora gukoreshwa nk'ikimenyetso mu iburanisha cyangwa mu mategeko mbonezamubano. Itanga uburyo bworoshye, ni buryo butarimo guhangana bumwe bwo gukemura ikibazo. Ishobora gufasha gukemura amakimbirane mu buryo bwihuse kurusha ubundi buryo.	Umwanzuro ugomba gutangwa bitarenze iminsi 60 <u>y'ingengabihe</u> nyuma yuko ikirego cyakiriwe uretse igihe cyongerewe. Ifishi nayo iba ihari kugira ngo igufashe gutanga ikirego nubwo aba atari ngombwa.	Guhera ku itariki ikirego cyakiriweho kugeza umwanzuro ufashwe, umwana aguma aho yashyizwe yiga, uretse wowe ndetse n'ikigo cy'ishuri cy'ifasi mu byemeranyijweho ukundi- ibi byitwa "kuguma aho uri" cyangwa "kuguma aho washyizwe" Uyu mwanzuro ushyirwa mu bikorwa n'amategeko ku impande zombi. Ikigo cya leta gishinzwe uburezi gifite mu inshingano kureba ko umwanzuro wubahirijwe uretse igihe wajuririwe.

Uburyo	Kunga	Ikirego cyanditse	Iburanisha mu buryo Buboneye
Ibigenderwaho	Kunga ni ubushake, rero umubyeyi ndetse n'ikigo cy'ishuri cy'ifasi bagomba kwemeranya kubigiramo uruhare. Igihe hari umwanzuro w'ibibazo cyangwa amasezerano yashyizweho bigendeye ku mpande zose. Imimerere igoye ishobora gusaba guhuzwa ibihe byinshi kugira ngo bagere k'umwanzuro. Nta sezerano ko inyandiko yanditswe izakorwa. Abunzi bashyirwaho n'ibiro bishinzwe serivisi z'amategeko mu Ishami rishinzwe uburezi muri Kentucky.	Umuntu cyangwa ikigo gitanga ikirego kigomba gutanga ibimenyetso kugirango cyerekane ibibazo biri mu kirego. Ubu buryo ntibusaba abafitanye ikibazo kugerageza gukemura ikibazo bafatanyije. Kunga biguma biboneka igihe cyose. Utanga ikirego, umubyeyi cyangwa ikigo cy'ishuri aho utuye (LEA) bazagira uburenganzira bwo kujuririra umwanzuro wanditse ku ikirego kuri komiseri w'Ishami rishinzwe uburezi muri Kentucky. Ubu bujurire bugomba gutangwa mu gihe kingana n'iminsi 15 yo gukora uhereye igihe umwanzuro wakiririwe. LEA ishinzwe gushyira mu bikorwa ibyafashweho umwanzuro bigaragara muri raporo y'ibyabonywe no mu igihe haba hagiterejwe ubujurire.	Umwanzuro ufatwa n'uburanisha cyangwa umucamanza wa leta udafite aho ahuriye n'uburezi bw'umwana. Umwanzuro ugengwa n'amategeko, nubwo umwe yaba atemeranywa n'ibyavuye murubanza. Niba umwanzuro wajuririwe, ntushyirwa mu bikorwa kugeza igihe ubujurire burangiye. Ibigo by'amashuri by'ifasi bihagararirwa n'abanyamategeko. Mu igihe umubyeyi ashatse umunyamategeko, niwe wishyura ikiguzi cye.
Ufata umwanzuro	Impande zombi bafatira imyanzuro hamwe kandi baba bafite icyo bakora k'umwanzuro.	Ikigo cya leta gishinzwe amashuri kigomba kureba ko iperereza ryakozwe, niba ari ngombwa, ndetse n'umwanzuro wafashwe ku ikibazo.	Ushinzwe iburanisha cyangwa umucamanza wa leta afata umwanzuro. Muri Kentucky, buri ruhande rushobora gusaba kujurira imyanzuro y'urubanza ku inama y'ubujurire bwihariye bw'Abana. Ubujurire bugomba kwakirwa mu minsi 30 y'ingengabihe k'umwanzuro wafashe n'iburanisha [707 KAR 1:340, igice cya 13 (1)].
Uruhare rw'undi muntu utari mubafitanye ikibazo	A umwunzi ibisanzwe: - Afasha impande zombi gufata imirongo ngenderwaho - Atuma habaho ahantu hatekanye kandi ashishikariza impande zombi kubaha buri gitekerezo cyose gitanzwe; - Ayobora ibiganiro yumva, areba inyungu, ndetse asobanura impungenge; - Ntafata umwanzuro; kandi - aba azi amategeko arebana n'uburezi bwihariye ndetse na serivisi zibwerekeyeho.	Umugenzacyaha: - Kureba amakuru ajyanye n'ikirego; - Ushobora kuganira cyangwa guhura n'abantu bafite aho bahuriye n'ikirego; ndetse no - kugira ibyo ukuramo no kugira ibyo wemeza bishingiye ku mategeko.	<u>Ushinzwe iburanisha cyangwa umucamanza wa leta</u> : - Reba igihe cy'iburanisha, harimo ibikorwa bibanziriza iburanisha; - Kora iburanisha kandi ugenzure uko ibikorwa bikorwa; - Koresha amategeko ajyanye nabyo wandike umwanzuro ushingiyе ku bimenyeto ndetse n'ubuhamya bwatanzwe mugihe cyiburanisha; ndetse - Ushobora gukuraho ikirego niba ibibazo byakemutse mbere y'iburanisha.
Igihe uko kingana	Igihe kiboneka igihe cyose, n'igihe cyose cyo gutanga ikirego/gusaba iburanisha cyangwa gutanga ikirego cyanditse iyo byakozwe. Bigomba gukorwa mu gihe cya nyacyo.	Muri IDEA, gutanga ibirego byanditse bigomba gukorwa mu gihe cy'umwaka 1 uhereye igihe umuntu yamenyeye ikibazo cyangwa yagombaga kuba yarakimenyeye. Umwanzuro ugomba gutangwa bitarenze iminsi 60 y'ingengabihe nyuma y'uko ikirego cyakiriwe uretse igihe cyongerewe.	Muri Kentucky, kumva iburanisha bigomba gusabwa mu nyandiko mu gihe cy'imyaka 3 uhereye ku itariki igihe uri mubaburana yamenyeye cyangwa yagombaga kuba yaramenyeye ikibazo (KRS 157.224). Umwanzuro ugomba gutangwa mu gihe cy'iminsi 45 y'ingengabihe uhereye ku gihe cyo gusoreza umwanzuro uretse igihe umwe mubababurana asabye kongera igihe runaka.
Ikiguzi cy'amafranga/ Ni inde wishyura?	Nta kiguzi k'umubyeyi- umwunzi ndetse n'ibikoresho bitangwa ku kiguzi cya leta.	Nta kiguzi k'uwatanze ikirego-iperereza ndetse n'umwanzuro bitangwa ku kiguzi cya leta.	Iburanisha, ushinzwe iburanisha cyangwa umucamanza wa leta, ibikoresho, ndetse n'umwanzuro bitangwa ku kiguzi cya leta. Buri ruhande rwishyura ikiguzi cya rwo, hashobora no kuba harimo ikiguzi cy'umucamanza ndetse n'abatangabuhamya.
Ingaruka k'umubano	Umwunzi ashobora gufasha impande zombi gukemura ikibazo muburyo bwa nyabyo. Umwunzi mwiza ashobora gufasha kugira ngo habeho umubano mwiza hagati y'impande zombi cyangwa gutuma habaho umubano uba mwiza hagati y'ishuri ndetse n'umuryango.	Ubu buryo ntibushingira k'umubano.	Gutanga ikirego bifatwa nk'inzira irenze izindi zo gukemura ikibazo binyuze mu uguhangana.
Ni gute byitegurwa? <i>Amakuru y'inyongera asangwa kurubuga rwa interineti rwa CADRE</i>	Bishobora gufasha gukora ibi: - Kureba ibibazo byo kuganiraho mugihe cyo kunga. - Gukora urutonde rw'ibyo umwana akeneye ndetse n'ibibazo byo kubaza. - Gutekereza kubibazo abandi bashobora kubaza ndetse wandike ibisubizo bishoboka. - Kwegeranya inyandiko, gushyiraho amatariki, ndetse n'ibizivugwaho muri izo nyandiko, ndetse no kuzana n'izindi kopi z'inyongera. - Kuzana ibikoresho bishobora gufasha gusobanura cyangwa kumenyesha abandi. - Kwitegure kumva kandi witonze uha agaciro ibitekerezo by'abandi, ndetse n'ibisubizo bishoboka. - Gutegura kare uburyo bwo kwakira amarangamutima mu gihe cy'inama.	Utanga ikirego agomba: - Gushyiramo amakuru yose yafasha kumvikanisha ibibazo byagaragajwe igihe ikirego cyatangwaga. - Kurikiza ibyo Kentucky igenderaho kugira ngo utange ikirego. (707 KAR 1:340, igice cya 8) - Hereza ikigo cy'ishuri cy'ifasi kopi y'ikirego. - Subiza ubusabe bwose ku makuru y'inyongera ku kirego mu igihe cya nyacyo. - Reba ibisubizo by'ikigo cy'ishuri cy'ifasi ku ikibazo, niba bikwiriye utange amakuru y'inyongera ugendeye ku amabwiriza ya Kentucky.	Ukwitegura kwitondewe kurakenewe kugirango ugaragaze ikibazo bya nyabyo. Impande zombi zigomba kwitegura gukora ibi bikurikira mu iburanisha: - Kwegeranya kandi no gutanga ibimenyetso. - Gutegura ubuhamya, gukora urutonde rw'abatanga buhamya, ndetse n'izindi nyandiko z'iburanisha. - Baza ndete unabaze abatangabuhaya b'impande zombi. Impande zombi zihitamo gushaka abunganizi cyangwa kubaza umunyamategeko wa leta. Umuntu udahagarariwe n'umucamanza wa leta agaragara nkaho ari “<i>pro se.</i>” Iri jambo ry'Ikilatini risobanura ko umuntu yiyunganira ubwe mu ibijyanye n'amategeko.

Ibyanditswe hejuru si inama iteganywa n'amategeko yashyizweho kugira ngo ikorere hamwe n'ibikorwa byo kurinda abana babana n'ubumuga mu itegeko rirengera abana babana n'ubumuga muburezi (Individuals with Disabilities Education Act (IDEA)). Byashyizweho ngo bibe umurongo ngenderwaho utemewe werekana ugusobanurwa kw'amategeko ahari cyangwa ibisabwa n'amategeko mu bijyanye n'ibimenyetso byatanzwe kandi bidateganywa n'itegeko.

Byakuwe muri CADRE (2015). CADRE *Inyandiko nyobozi y'ihuse yo gukemura ikibazo k'ubijyanye n'uburezi bwihariye ku ababyeyi b'abana ndetse n'urubyriruko (bafite imyaka 3-21)* Eugene, Oregon, CADRE. Itariki yashyiriwe hanze: Mutarama 2015.

Ishami rishinzwe uburezi muri Kentucky

Urubuga rwa Interineti: [Uburyo bwo gukemura ikibazo bwa KDE](#)

Nomero ya telefone (502) 564-4970